KUDASHISHOZA BIKURURIRA ABATURAGE IMANZA BADASHOBORA GUTSINDA

Nk'uko bisanzwe bikorwa buri wa Mbere na buri wa Gatatu w'icyumweru, Urwego rw'Umuvunyi rwakira rukanasuzuma ibibazo by'abaturage ku Cyicaro cyarwo kugira ngo rubikurikirane iyo rusanze bigaragaramo akarengane. Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo by'abaturage **47** ku wa 29/03/2010, **49** ku wa 31/03/2010 na **29** ku wa 05/04/2010, byose hamwe ni **125**.

Mu bibazo **125** byakiriwe muri ibi byumweru bibiri, **49** bifitiwe dosiye; ni ibibazo usanga hari amabaruwa yanditswe mbere, ba nyirabyo bakaza kureba aho ibibazo byabo bigeze mu gukemurwa, kuzana ibindi bimenyetso byuzuza dosiye cyangwa kureba ibisubizo; ibindi bibazo **76** ni bishya, abaturage baba biyambaje Urwego rw'Umuvunyi bwa mbere, bityo iyo ikibazo gifite ishingiro basabwa kubishyira mu nyandiko, ibitari mu bubasha bw'Urwego rw'Umuvunyi, abaturage bagirwa inama cyangwa bakabwirwa aho bageza ibibazo byabo.

Ibyo bibazo byose Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye muri ibi byumweru bibiri, biri mu byiciro bikurikira:
-ibirebana n'ubuyobozi n'umurimo ni 21, harimo iby'umurimo 10 n'iby'ubuyobozi 11 ;

- ibyerekeye imiturire n'ubutaka ni 29;
- imanza zaciwe n'inkiko ni 60 harimo izigomba kurangizwa umunani (8) n'imanza aho umwe mu baburanyi atishimiye imikirize yazo 52;
- ibibazo bikiri mu nkiko ni 3;
- ibyerekeranye n'imicungire y'umutungo n'izungura ni 5;
- ikirebana n'ubucuruzi ni 1;
- ibirebana n'ubwiteganyirize bw'Abakozi ni 2;
- ibirebana n'ibigo by'ubwishingizi ni 2;
- ibiri mu bindi ni 2.

Ibibazo byinshi byakiriwe muri ibi byumweru bibiri usanga bijyanye n'imikirize y'imanza abaturage batishimira.
Zimwe muri izi manza abaturage batishimira imikirize yazo, usanga zigaragaza ubushishozi buke bw'abazitsinzwemo bikururira ibibazo, babigeza mu rukiko bakaba badashoboye gutsinda.

Ingero z'ibibazo abaturage bikururira:

1. Hari umugore A wapfushije umugabo B mu mwaka wa 1994 batarasezeranye, amusigira umwana umwe n'umutungo ugizwe n'inzu imwe . Mu mwaka wa 1996, uwo mugore A yinjirwa n'undi mugabo C babana muri iyo nzu yasigiwe n'umugabo A, babyarana abana 5. Guhera mu mwaka wa 1996, wa mugabo C yakomeje kugirana ibibazo n'abagore yataye mbere yo gusanga uwo. Mu mwaka wa 2005, wa mugabo C yumvikana n'uwo mugore A bagirana amasezerano y'ubugure bwa ya nzu kugira ngo ajye kwereka ba bagore bafitanye ibibazo ko yaguze inzu, aha ngo yashakaga kubereka ko adakennye, ko ahubwo afite amafaranga.

Muri ayo masezerano y'ubugure bagiranye , ya nzu bayihaye agaciro k'amafaranga ibihumbi magana atandatu y'amanyarwanda (600.000 frw), ariko ayo mafaranga ntiyatangwa kuko icyari kigamijwe kwari ukwereka abo bagore ko uwo mugabo C afite amafaranga, atakennye kuva yabata; byari ubugure mu by'ukuri bw'umuhango.

Nyuma y'amezi abiri bakoze ayo masezerano y'ubugure, wa mugabo C yagurishije ya nzu n'undi muntu D ashingiye kuri ya masezerano y'ubugure twakwita ko ari "baringa" amuha miliyoni esheshatu (6.000.0000 frw).

Nyuma yo kwishyura, uwaguze D yasabye wa mugore kuva mu nzu, uwo mugore ntiyabyemera, ikibazo kigezwa mu buyobozi bw'inzego z'ibanze. Kuko inzego z'ibanze zari zizi neza icyo kibazo zemeza ko uwo mugore A aguma mu nzu ye, ikibazo kigashyikirizwa inkiko. Mu nkiko zose bagiyemo wa mugore A yaratsinzwe ku mpamvu z'amasezerano y'ubugure ya baringa yabaye hagati ya A na C maze inzu ihabwa uwayishyuye miliyoni esheshatu ari we D

2. Mu rundi rubanza, umugore X wari umaze gupfusha umugabo yaguze imodoka. Mu gihe cyo guhinduza (mutation), uwo mugore ntiyaboneka kubera ko yari mu kiriyo cy'umugabo we, aha uburenganzira bwo kumuhagararira (procuration) umwe mu bahamya b'ubugure Y, akaba n'incuti y'umuryango.

Uwagurishije Z n'uwasabwe guhagararira wa mugore waguze Y bageze ku Kigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro (RRA) basabwa amasezerano y'ubugure kugira ngo bemererwe guhinduza barayabura, bahita bakorera andi masezerano aho, bayaha itariki iri ku masezerano y'ubugure bwa mbere kugira ngo bahinduze.
Bamaze guhinduza uwaguze X yazanye imodoka kuri wa muhamya w'ubugure Y kugira ngo amushakire umukiriya uyigura abashe kwishyura banki; igihe atarabona umuguzi uwayiragijwe Y yarahunze kubera ko yari afite urubanza mu Rukiko Gacaca ajya hanze y'igihugu, umugore we bimugora kubaho no kubona amafaranga amugeza aho umugabo we yagiye, afata ya modoka baragijwe yanditse ku mugabo we Y, hashingiwe kuri ya masezerano yahimbiwe muri RRA arayigurisha arigendera. Uwayiguze bwa mbere ari we X ikibazo yakigejeje mu nkiko, hose aratsindwa kubera ko imodoka yari yanditswe kuri wa muhamya w'ubugure bwe Y.